



Nyakanga / Juli 2021

Ikinyarwanda

Ahanaguza imisatse ye ibirenge bye, arabisoma ni uko abisiga amavuta.

(Lk 7,38)

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage: www.go4peace.eu

**Gira umwete!
Have courage!**

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Yashakaga kureka burundu ubuzima bubi yari yaragiyemo. Yari afite inyota cyane yo kubaho yigenga no mu rukundo nyarwo. Izina rye yari yararyandavuje. Ahantu hose mu mugu yari azwi nk'umunyabyaha utagira izina. Ntibyashobokaga ko icyo cyasha akikuraho. Ni uko aza guhura n'umwigisha w'i Nazareti. Indoro ye yari yamukoze ku mutima. Yumvise aho yabereye arebwe nk'umuntu ufite agaciro kandi ukunzwe. Yari yitaweho ku buryo bw'umwihariko. Uyu mwigisha ukomoka i Nazareti ntiyamuciriye urubanza. Ahubwo indoro ye y'urukundo kandi yuje agakiza yamuhaye kubura umutwe. Yamukesheje kongera gutangira ubuzima bushya. Yumvaga yifuzaga kongera kumubona.

Muri icyo minsi yumvise ko Yezu yari yatumiwe gusangira ku meza mu nzu y'umufarizayi. Byari amahirwe kongera kumubona kugira ngo amukorere igikorwa cy'ishimwe gikomeye. Yishyizemo akanyabugabo ni uko yinjira mu nzu y'umuyahudi yari iteraniyemo itsinda ry'abagabo. Kubera ukuntu yari yakozwe ku mutima, yarariraga. Ni uko akoresheje amarira ye ahanagura ibirenge bya Yezu, abyumukisha umusatsi we. Yari yaje azanye amavuta meza mu keso k'agaciro. Ni uko amusiga ibirenge, abafarizayi bari bateraniye aho bose babireba. Cyari ikimenyetso cy'umubano ukomeye yari afitanye na Yezu wari wamuhaye urukundo nyarwo.

Nagiriwe ubuntu bwo guherekeza inshuti yanjye yari igeze mu zabukuru, kugeza ku ndunduro y'ubuzima bwe. Ubwo twahuraga bwa nyuma ari hagati y'umuryango we, yarandebye cyane. Mufashe mu kiganza aranyongorera agira ati: „Ndagushimiye cyane!“ Twarabanye. Nyuma y'urupfu rwe narongeye njya kumusura aho yari ashyinguye, mboneraho no gusura umuryango we. Umugore we agira atya akora mu gakapu ka nyakwigendera akuramo akantu k'umutako yagendanaga iteka kugeza ku munsu we wa nyuma. Ni uko arakampereza. Byankoze ku mutima cyane, muri uwo mwanya numva ngiranye umubano n'ijuru, umushyikirano udakumirwa n'urupfu. – Rimwe na rimwe haba hakenewe ibimenyetso bisumbuye ibyo dusanzwe tumyenyerereye. **Gira umwete!- Have courage!**

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker